ITANGWA RY'UBUPADIRI N'UBUDIYAKONI MURI PARUWASI REGINA PACIS YA RAMBURA TARIKI 18/07/2015

*Turabigezwazo na Padiri Emmanuel **BAMPORINEZA***

Tariki 18/07/2015 nibwo muri paruwasi Regina Pacis ya Rambura hatangiwe ubupadiri bwahawe Diyakoni Charles NIYONTEZE wa Paruwasi ya Rambura.



Abafaratiri 6 aribo: FratriVédaste DUSABEYEZU wa Kinunu, Fratri Jean Claude DUSENGUMUREMYI wa Nyundo, Fratri Pierre Damien DUSHIMIYIMANA wa Kivumu, Fratri Donatien NDACYAYISABA wa Kivumu, Fratri Jean de Dieu NIYONSENGA wa Kivumu na Fratri Joseph NTIRANDEKURA wa Biruyi bahabwa ubudiyakoni.

Ibyobirori byari byitabiriwe n'abapadiri baturutse hirya no hino muri Diyosezi yaNyundo, Abihayimana, Abayobozi bo mu nzego bwite za Leta n'imbagay'abakristu.

Mu Ijambo rye Padiri mushya, Padiri Charles NIYONTEZE, yashimiye bikomeye Imana yamuhaye ubuzima, ikamutorera kuyibera umugabuzi w'amabanga yayo mu kwigisha, kuyobora no gutagatifuza imbaga yayo, anashimira muri rusange abagize uruhare bose kugira ngo abe ateye iyo ntambwe.

Bwana TWAHIRWA Abudaratif, Umuyobozi w'akarere ka Nyabihu iyo Paruwasi ibarizwamo, nawe yerekanye ko ari umunsi w'ibyishimo dore ko hashize igihe gito iyo paruwasi yizihije yubile y'imyaka ijana imaze ishinzwe bityo we akabona ko izo ari imbuto z'iyo yubile. Yasabye izo ntore kuba intangarugero. Umuyobozi w'akarere kandi yishimiye ko hari ubufatanye hagati ya paruwasi Rambura n'ubuyobozi bw'akarere ka Nyabihu; akaba yijeje gukomeza ubufatanye ubwo aribwo bwose hagati y'ubuyobozi bw'akarere na Paruwasi Rambura. Yarangije yifuriza Padirimushya ubutumwa bwiza.

Padiri mukuru wa Paruwasi ya Rambura, Padiri Jean Bosco NYIRIBAKWE nawe yashimiye abantu bose bagize ubwitange mu migendekere myiza y'uwo munsi by'umwihariko ashimira ubuyobozi bw'akarere ka Nyabihu ubwitange babagaragarije. Yanashimiye kandi abahagarariye amadini baje kwifatanya n'abakristu ba Paruwasi ya Rambura kwizihiza uwo munsi mukuru.

Mu mpanuro yatanze, Nyiricyubahiro Musenyeri, Alexis HABIYAMBERE,Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yishimiye ko Diyosezi ya Nyundo yungutse Umupadiri mushya, akaba anabaye uwa cumi n'umwe uvutse muri Paruwasi ya Rambura. Yashimiye Imana n'Umubyeyi Bikira Mariya babaye hafi Diyosezi ya Nyundo nyuma y'amahano ya Jenoside yakorewe abatutsi mu w'1994, iyo jenoside ikaba yarashegeshe iyi Diyosezi. Maze nyuma yayo hakongera kuboneka umuhamagaro w'abiyegurira Imana mu nzego zose. Akaba yishimiye kandi imikoranire myiza iri hagati ya Paruwasi ya Rambura n'akarere ka Nyabihu, ndetse n'imikoranire myiza n'amadini kuko bose bashinzwe abana b'Imana. Kubahana hagati yabo bigomba kujyana no gufasha buri wese gukurikira umurongo we.

Umwepiskopi yibukije abahawe Ubudiyakoni n'Ubupadiri ibintu bitatu by'ingenzi bikubiye mu masezerano yabo:

- Wibuke kowatoranijwe mu bantu, ugashyirirwaho gufasha abantu mu mubano wabo n'Imana. Aha yibukije ko buri wese afite amateka ye bwite, ay'umuryango we, ayo mu gace atuyemo, n'ay'igihugu muri rusange; ibi byose bigira ingaruka mu butumwa bashinzwe bityo akaba yasabye buri wese kwiyakira. Kwibuka ko igice kinini cy'abanyarwanda ari urubyiruko bityo abasaseridoti bakaruba hafi.

- Kwihatira kubumbira hamwe Umuryango w'Imana. Aha yibukije intego yasinodi idasanzwe ya Diyosezi ivuga ko **"ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo, twarabyiyemeje"**. Bityo asaba abasaseridoti guharanira ubumwe bw'abana b'Imana.

- Mu byo mukora byose mujye mufatira urugero kuri Kristu. Yabibukije ko Ivanjili ariyo babereyeho kuva ubungubu, bityo babifashijwemo n'Ivanjili ndetse n'isengesho; Kristu akabereka icyo bakwiriye gukora.

  Umwepiskopi yasoje asaba abapadiri guhora basabira Abakristu bashinzwe ndetse n'abakristu bagahora basabira abasaseridoti babo.

Padiri Emmanuel ***BAMPORINEZA***